# Koza mu kanwa birahasuhura, ndetse bishimisha Allah Umuremyi

Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Koza mu kanwa birahasuhura, ndetse bishimisha Allah Umuremyi."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na A-Nasa'iy na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko gusukura amenyo ukoresheje agati (Kitwa Siwaki) cyangwa se n'ikindi bisukura mu kanwa imyanda n'impumuro mbi yaba irimo. Gusukura mu kanwa ni imwe mu mpamvu zo kuba Allah yakishimira umugaragu we, kubera ko harimo kumvira Allah no kubahiriza itegeko rye, no kubera ko ari isuku Allah akunda kandi akanishimira.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3588